# 310: Iki gihe twamaranye

1. Iki gihe twamaranye Tuyobowe n'ibendera; Dutandukany' amahoro, Twifitiy' umunezero.

2. Mwa nshuti zacu nziza mwe, Dusangiye gucungurwa N'intambara ya Krisito, Ajy'abarind' iyo mujya.

3. Mwumv' iri jambo dusoma Mu Gitabo cy'Uwiteka : Mutumbir' Umurokozi, Mwihararuk' inzira ye.

4. Ahar' amaso yab' aya, Ntitwongere kubonana. Nyamara tw' abakijijwe Tuzahurir'i Siyoni.

5. Yes azah' abakijijwe lngororano mw ijuru. Mukomez' ibyo mwahawe Na We, katanga ka mbere.

6. Mwa nshuti mwe dukundanye, Twabonany' Umusaraba Mur' iyi minsi twabanye, Mugendane n'Uwiteka.

7. Ituza riva mw ijuru Ritwuzure tw' aba Yesu, Itorero rye ryo mw isi Rikir' imitima myinshi.

8. Twihane gukiranirwa Kw'abatubah' Uwiteka, Tumenye yuko twe twese Tuzageran' imbere ye.

9. Ngaho, murabeho mwese, Bagenzi twafatanije, Tuzaba hamwe mw ijuru, Duhoraneyo na Yesu